ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

# UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'ABARWAYI WIZIHIZWA KU NSHURO YA 32

**Ku wa 11 Gashyantare 2024**

**"Si byiza ko Muntu aba wenyine"**

## Kuvura abarwayi wita ku mibanire

"Si byiza ko Muntu aba wenyine" (Itang 2, 18). Kuva mu ntangiriro, Imana, yo Rukundo, yaremeye muntu kubana, ishyira muri kamere ye ko kubaho kwe ari ukubana n'abandi. Ni uko rero ubuzima bwacu, mu rugero rw'Ubutatu Butagatifu, bwahamagariwe kugerwaho byuzuye mu mubano, ubucuti no gukundana. Ntabwo twaremewe kuba mu bwigunge, twaremewe kubana. Kandi mu by'ukuri ubusabane n'abandi buri muri kamere yacu ku buryo ubwigunge no gutereranwa bidutera ubwoba ndetse bikatubabaza cyane, yewe nta n'ubwo bijyanye na kamere muntu. Bigaragara cyane mu gihe cyo gucika intege, gushidikanya no kubura amahoro bikuruwe n'indwara ikaze.

Ntekereza nko ku bisanze bari bonyine mu gihe cya Covid-19: abarwayi batashoboraga gusurwa, tutibagiwe n'abaforomo, abaganga n'abandi bakozi bo kwa muganga bose babaga bananijwe n'akazi katoroshye kandi banafungiranye ahatagerwa n'abandi bantu. Birumvikana ko tuzirikana n'ababaga bahanganye n'indwara mu bubabare bukabije bakitabwaho n'abaganga ariko kure y'imiryango yabo.

Mbikuye ku mutima, nifatanyije n'abisanga bari bonyine, ntawe ubitayeho nyuma y'intambara n'ingaruka zayo: intambara niyo ndwara ikomeye mu ndwara zihangayikisha abantu kandi abanyantege nke nibo bahazaharira cyane.

Tugomba kuzirikana ko no mu bihugu birimo amahoro n'ubukungu buhagije, igihe cy'izabukuru ndetse n'uburwayi umuntu abibamo mu bwigunge kandi

rimwe na rimwe ndetse akanahabwa akato. Ubwo buzima bubabaje ni ingaruka z'umuco wo kuba nyamwigendaho, umuntu akubahwa kubera ko hari icyo yinjiza, imbaraga zamara kugabanuka agatereranwa. Usanga byarahindutse umuco wo gutererana, aho abantu badahabwa icyubahiro kibakwiye, ngo bubahwe, barindwe, cyane cyane abakene n'abafite ubumuga, mu gihe ntacyo bagishoboye gukora, nk'abana bavuka cyangwa abageze mu zabukuru (Fratelli tutti, n.18). Ikibabaje ni uko iyo myumvire yinjira no mu gufata ibyemezo bya politiki hatitawe ku burenganzira bw'ikiremwa-muntu n'ibyo umuntu akenera, ndetse ntibinashyire imbere ingamba za ngombwa kugira ngo buri muntu abone uburenganzira n'ubushobozi bwo kwivuza. Ugutererana abantu bafite intege nke no ku barekera mu bwigunge bitizwa umurindi n'igabanuka ry'imbaraga zishyirwa mu guhuza impande zose zifite aho zihuriye n'umurwayi: muganga, umurwayi n'umuryango we, ugasanga umurwayi adaherekezwa bihagije.

Tunezezwa no kongera kumva ijambo ryo muri Bibiliya rigira riti: si byiza ko Muntu aba wenyine! Imana yabivuze mu gihe yari imaze kurema umuntu, bityo iduhishurira umugambi wayo kuri muntu ndetse idusobanurira n'ibikomere bikaze biterwa no gucumura, bigatangizwa n'urwikekwe, amakimbirane, amacakubiri no kwiheza. Bigira ingaruka ku muntu mu mibanire ye n'Imana, na we ubwe, n'abandi ndetse n'ibindi biremwa. Uku kwigunga gutuma dutakaza icyerekezo cy'ubuzima, bitubuza umunezero w'urukundo kandi bituma twiyumvamo no kuba nyakamwe mu nzego zose z'ubuzima.

Bavandimwe, ukwitabwaho kwa mbere dukeneye mu burwayi ni ukutuba hafi, byuzuye impuhwe n'ubwuzu. Kwita ku murwayi rero bivuze cyane cyane kwita ku mibanire ye n'Imana, n'abandi n'umuryango, n'inshuti, n'abavuzi, hamwe n'ibyaremwe, hamwe na we ubwe. Birashoboka? Nibyo, birashoboka kandi twese twahamagariwe kwiyemeza kubigira impamo. Reka turebere ku rugero rw'umusamaritani mwiza (reba Lk 10, 25-37), ubushobozi bwe bwo kugabanya umuvuduko we no kuba hafi, ubwuzu akorana umurimo wo gufasha koroshya ibikomere bya mugenzi we ubabaye.

Reka twibuke uku kuri kw'ingenzi mubuzima bwacu: twaje mu isi kuko hari uwatwakiriye, twaremewe urukundo, twahamagariwe gusabana ndetse no kuba abavandimwe. Uru rwego rw'ubuzima bwacu ruradufasha ku buryo bwihariye cyane cyane mu bihe by'uburwayi no gucika intege, kandi ni bwo buvuzi bw'ibanze tugomba gufatira hamwe twese kugirango duhangane n'uburwayi bugaragara muri sosiyete ya none dutuyemo.

Mwese abafite uburwayi, bwaba ubw'igihe gito cyangwa se karande, hari icyo nshaka kubabwira: ntimukagire isoni zo kwifuza kwegerwa no kugaragarizwa

ubwuzu! Ntimukabihishe kandi ntimugatekereze ko muri umutwaro ku bandi. Imibereho y'abarwayi iraduhamagarira twese kugabanya umuvuduko ukabije twisanzemo, duharanire kongera kumenya abo turi bo. 2 Muri ibi bihe bishya turimo, twe abakristu duhamagariwe, by'umwihariko, kugenza nka Yezu wifatanya n'abababaye. Reka twite ku bababaye kandi bari mu bwigunge, ndetse wenda batereranywe, bagahezwa cyangwa batakigira ijambo. Hamwe n'urukundo rwa kivandimwe, Kristu Nyagasani aduha mu masengesho, cyane cyane mu gitambo cy'Ukaristiya, reka dukize ibikomere by'abigunze kandi bashyizwe mu kato. Noneho rero, reka dufatanye kurwanya umuco wo kuba nyamwigendaho, kutita ku bandi, guheza, maze twimakaze umuco wo kugaragarizanya ubwuzu n'impuhwe.

Abarwayi, abanyantege nke, abakene bari mu mutima wa Kiliziya kandi tugomba kubitaho bihagije n'umutima wa kimuntu kandi tukabibuka muri gahunda z'ikenurabushyo. Ntitukabyibagirwe! Reka twiragize Bikira Mariya Mutagatifu, Buzima bw'abarwayi, kugirango adusabire kandi adufashe kuba abaharanira ubusabane n'umubano wa kivandimwe.

Bikorewe i Roma, ku rubuga rwa Mutagatifu Yohani w'i Laterani, ku wa 10 Mutarama 2024

Papa Faransisko